

ITEGEKO N° 26/2017 RYO KU WA  
31/05/2017 RISHYIRAHU URWEGO  
RW'IGIHUGU RUSHINZWE  
UMUTEKANO W'IBIJYANYE  
N'IKORANABUHANGA MU  
ITANGAZABUMENYI  
N'ITUMANAHU, RIKANAGENA  
INSHINGANO, IMITUNGANYIRIZE  
N'IMIKORERE BYARWO

LAW N° 26/2017 OF 31/05/2017  
ESTABLISHING THE NATIONAL  
CYBER SECURITY AUTHORITY AND  
DETERMINING ITS MISSION,  
ORGANISATION AND FUNCTIONING

LOI N° 26/2017 DU 31/05/2017  
PORTANT CREATION DE L'OFFICE  
NATIONAL POUR LA CYBER-  
SECURITE ET DETERMINANT SA  
MISSION, SON ORGANISATION ET  
SON FONCTIONNEMENT

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL  
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS  
GENERALES**

**Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article premier: Objet de la présente loi**

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 2: Definitions of terms**

**Article 2: Définitions termes**

**Ingingo ya 3: Ishyirwaho rya NCSA**

**Article 3: Establishment of NCSA**

**Article 3: Création de NCSA**

**Ingingo ya 4: Intego ya NCSA**

**Article 4: Mission of NCSA**

**Article 4: Mission de NCSA**

**Ingingo ya 5: Urwego rureberera NCSA**

**Article 5: Supervising authority of NCSA**

**Article 5: Autorité de tutelle de NCSA**

**Ingingo ya 6: Amasezerano y'imihigo**

**Article 6: Performance contract**

**Article 6: Contrat de performance**

**Ingingo ya 7: icyicaro cya NCSA**

**Article 7: Head office of NCSA**

**Article 7: Siège de NCSA**

<b><u>Ingingo ya 8:</u> Ubwisanzure bwa NCSA</b>	<b><u>Article 8:</u> Autonomy of NCSA</b>	<b><u>Article 8:</u> Autonomie de NCSA</b>
<b><u>UMUTWE WA II:</u> INSHINGANO N'UBUBASHA BYA NCSA</b>	<b><u>CHAPTER II:</u> RESPONSIBILITIES AND POWERS OF NCSA</b>	<b><u>CHAPITRE II:</u> ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS DE NCSA</b>
<b><u>Ingingo ya 9:</u> Inshingano za NCSA</b>	<b><u>Article 9:</u> Responsibilities of NCSA</b>	<b><u>Article 9:</u> Attributions de NCSA</b>
<b><u>Ingingo ya 10:</u> Ububasha bwa NCSA</b>	<b><u>Article 10:</u> Powers of NCSA</b>	<b><u>Article 10:</u> Pouvoirs de NCSA</b>
<b><u>Ingingo ya 11:</u> Ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye</b>	<b><u>Article 11:</u> Critical information infrastructure</b>	<b><u>Article 11:</u> Infrastructure d'informations critiques</b>
<b><u>UMUTWE WA III:</u> IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYA NCSA</b>	<b><u>CHAPTER III:</u> ORGANISATION AND FUNCTIONING OF NCSA</b>	<b><u>CHAPITRE III:</u> ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE NCSA</b>
<b><u>Ingingo ya 12:</u> Inzego za NCSA</b>	<b><u>Article 12:</u> Organs of NCSA</b>	<b><u>Article 12:</u> Organes de NCSA</b>
<b><u>Icyiciro cya mbere:</u> Ubuyobozi Bukuru bwa NCSA</b>	<b><u>Section One:</u> Directorate General of NCSA</b>	<b><u>Section première:</u> Direction Générale de NCSA</b>
<b><u>Ingingo ya 13:</u> Abagize Ubuyobozi Bukuru n'uko bashyirwaho</b>	<b><u>Article 13:</u> Members of the Directorate General and their appointment</b>	<b><u>Article 13:</u> Membres de la Direction Générale et leur nomination</b>
<b><u>Ingingo ya 14:</u> Inshingano z'Ubuyobozi Bukuru</b>	<b><u>Article 14:</u> Responsibilities of the Directorate General</b>	<b><u>Article 14:</u> Attributions de la Direction Générale</b>
<b><u>Ingingo ya 15:</u> Inshingano z'Umuyobozi Mukuru wa NCSA</b>	<b><u>Article 15:</u> Duties of the Chief Executive Officer of NCSA</b>	<b><u>Article 15:</u> Attributions du Directeur Général en Chef de NCSA</b>
<b><u>Ingingo ya 16:</u> Imiterere n'imikorere by'inzego z'imirimo za NCSA</b>	<b><u>Article 16:</u> Organisational structure and functioning of NCSA organs</b>	<b><u>Article 16:</u> Structure organisationnelle et fonctionnement des organes de NCSA</b>

<b><u>Ingingo ya 17:</u> Ibigenerwa Abayobozi Bakuru n’abakozi ba NCSA</b>	<b><u>Article 17:</u> Fringe benefits for members of the Directorate General and staff members of NCSA</b>	<b><u>Article 17:</u> Avantages alloués aux membres de la Direction Générale et au personnel de NCSA</b>
<b><u>Icyiciro cya 2:</u> Inama Ngishwanama ya NCSA</b>	<b><u>Section 2:</u> Advisory Council of NCSA</b>	<b><u>Section 2:</u> Conseil Consultatif de NCSA</b>
<b><u>Ingingo ya 18:</u> Inama Ngishwanama ya NCSA</b>	<b><u>Article 18:</u> Advisory Council of NCSA</b>	<b><u>Article 18:</u> Conseil Consultatif de NCSA</b>
<b><u>UMUTWE WA IV:</u> UMUTUNGO N’IMARI BYA NCSA</b>	<b><u>CHAPTER IV:</u> PROPERTY AND FINANCE OF NCSA</b>	<b><u>CHAPITRE IV:</u> PATRIMOINE ET FINANCES DE NCSA</b>
<b><u>Ingingo ya 19:</u> Umutungo wa NCSA n’inkomoko yawo</b>	<b><u>Article 19:</u> Property of NCSA and its sources</b>	<b><u>Article 19:</u> Patrimoine de NCSA et ses sources</b>
<b><u>Ingingo ya 20:</u> Ingingo y’imari ya NCSA</b>	<b><u>Article 20:</u> Budget of NCSA</b>	<b><u>Article 20:</u> Budget de NCSA</b>
<b><u>Ingingo ya 21:</u> Imikoreshereze n’imigenzurire by’umutungo wa NCSA</b>	<b><u>Article 21:</u> Use and audit of the property of NCSA</b>	<b><u>Article 21:</u> Utilisation et audit du patrimoine de NCSA</b>
<b><u>UMUTWE WA V:</u> INGINGO ZISOZA</b>	<b><u>CHAPTER V:</u> FINAL PROVISIONS</b>	<b><u>CHAPITRE V:</u> DISPOSITIONS FINALES</b>
<b><u>Ingingo ya 22:</u> Itegurwa, isuzumwa n’itorwa by’iri tegeko</b>	<b><u>Article 22:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law</b>	<b><u>Article 22:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi</b>
<b><u>Ingingo ya 23:</u> Ivanwaho ry’ingingo z’amategeko zinyuranyije n’iri tegeko</b>	<b><u>Article 23:</u> Repealing provision</b>	<b><u>Article 23:</u> Disposition abrogatoire</b>
<b><u>Ingingo ya 24:</u> Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</b>	<b><u>Article 24:</u> Commencement</b>	<b><u>Article 24:</u> Entrée en vigueur</b>

**ITEGEKO N° 26/2017 RYO KU WA  
31/05/2017 RISHYIRAHU URWEGO  
RW'IGIHUGU RUSHINZWE  
UMUTEKANO W'IBIJYANYE  
N'IKORANABUHANGA MU  
ITANGAZABUMENYI  
N'ITUMANAHU, RIKANAGENA  
INSHINGANO, IMITUNGANYIRIZE  
N'IMIKORERE BYARWO**

**LAW N° 26/2017 OF 31/05/2017  
ESTABLISHING THE NATIONAL  
CYBER SECURITY AUTHORITY AND  
DETERMINING ITS MISSION,  
ORGANISATION AND FUNCTIONING**

**LOI N° 26/2017 DU 31/05/2017  
PORTANT CREATION DE L'OFFICE  
NATIONAL POUR LA CYBER-  
SECURITE ET DETERMINANT SA  
MISSION, SON ORGANISATION ET  
SON FONCTIONNEMENT**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO  
YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE,  
DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE  
RITYA KANDI DUTEGETSE KO  
RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA  
YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED,  
AND WE SANCTION, PROMULGATE  
THE FOLLOWING LAW AND ORDER  
IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL  
GAZETTE OF THE REPUBLIC OF  
RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS  
SANCTIONNONS, PROMULGUONS  
LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET  
ORDONNONS QU'ELLE SOIT  
PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE  
LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

**THE PARLIAMENT:**

**LE PARLEMENT:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku  
wa 24 Gicurasi 2017;

The Chamber of Deputies, in its session of  
24 May 2017;

La Chambre des Députés, en sa séance du 24  
mai 2017;

Sena, mu nama yayo yo ku wa 24 Gicurasi  
2017;

The Senate, in its session of 24 May 2017;

Le Sénat, en sa séance du 24 mai 2017;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 71, iya 85, iya 87, iya 88, iya 90, iya 91, iya 94, iya 106, iya 112, iya 120, iya 139, iya 165 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 71, 85, 87, 88, 90, 91, 94, 106, 112, 120, 139, 165 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 71, 85, 87, 88, 90, 91, 94, 106, 112, 120, 139, 165 et 176 ;

**YEMEJE:**

**ADOPTS:**

**ADOPTÉ:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije**

**Article One: Purpose of this Law**

**Article premier: Objet de la présente loi**

Iri tegeko rigamije gushyiraho Urwego rw'Igihugu rushinzwe Umutekano w'ibijyanye n'Ikoranabuhanga mu Itangazabumenyi n'Itumanaho. Rigena kandi inshingano, imitunganyirize n'imikorere byarwo.

The purpose of this Law is to establish the National Cyber Security Authority. It also determines its mission, organisation and functioning.

La présente loi a pour objet de créer l'Office National pour la Cyber-Sécurité. Elle détermine également sa mission, son organisation et son fonctionnement.

**Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 2: Definitions of terms**

**Article 2: Définitions des termes**

Muri iri tegeko amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

In this Law, the following terms have the following meanings:

Dans la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye:** ibikorwaremezo byifashisha ikoranabuhanga mu gutanga serivisi ku baturage kandi bifite uruhare rukomeye

1° **critical information infrastructure:** virtual and physical information systems that provide services to the citizens and serve as a backbone of development of

1° **infrastructures d'information critiques:** systèmes d'informations virtuels et physiques qui fournissent des services aux citoyens et servent de pivot

- |  |  |   |
|--|--|---|
| ku iterambere ry'ubukungu, imibereho myiza n'umutekano by'Igihugu;   | the national economic, social and security life;   | à l'écllosion de la vie économique, sociale et sécuritaire du pays;   |
| 2° <b>ibikorwa by'umutekano w'Igihugu mu ikoranabuhanga:</b> uburyo bwo gukoresha ubushobozi bw'ikoranabuhanga hagamijwe kurinda umutekano w'Igihugu;  | 2° <b>national cyber operations:</b> integrated employment of cyber capabilities in pursuit of national security objectives;   | 2° <b>opérations cybernétiques nationales:</b> emploi intégré des capacités cybernétiques pour des objectifs de la sécurité nationale;  |
| 3° <b>ICT:</b> Ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho;  | 3° <b>ICT:</b> Information and Communication Technologies;   | 3° <b>TIC:</b> Technologies de l'Information et de la Communication;  |
| 4° <b>igitero cy'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho:</b> igikorwa icyo ari cyo cyose cyagambiriwe kigamije guhindura, kuyobya, guhungabanya, kwangiza cyangwa gusenya imikorere ya mudasobwa, umuyoboro cyangwa umwimerere w'amakuru na porogaramu byabyo hifashishijwe ikoranabuhanga; | 4° <b>cyber-attack:</b> any deliberate action taken to alter, disrupt, deceive, degrade or destroy computer systems, network or their original information and programs by technology means; | 4° <b>attaque cybernétique:</b> toute action délibérée consistant à altérer, perturber, tromper, dégrader ou détruire les systèmes informatiques, le réseau ou leurs informations originales et programmes par des moyens technologiques; |
| 5° <b>uburyo bushobora cyangwa bukekwa kuba bwahungabanya umutekano w'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho:</b> uburyo ubwo ari bwo bwose bushobora kwifashishwa mu guhindura, kuyobya, guhungabanya, kwangiza, cyangwa gusenya imikorere ya mudasobwa, umuyoboro cyangwa umwimerere      | 5° <b>cyber threat:</b> the possibility of any attempt to alter, disrupt, deceive, degrade or destroy computer systems, network or their information and programs;                           | 5° <b>menace cybernétique:</b> possibilité de toute tentative d'altérer, perturber, tromper, dégrader ou détruire les systèmes informatiques, le réseau ou leurs informations originales et programmes par des moyens technologiques;     |

w'amakuru na porogaramu byabyo hifashishijwe ikoranabuhanga;

6° **umutekano w'ibijyanye n'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho:** uburyo bwo kurinda urubuga rw'ikoranabuhanga;

7° **umutekano w'Igihugu:** ingamba zifatwa n'Igihugu hagamijwe kukirinda, zikubiyemo gukumira no kurwanya ko cyaterwa biturutse imbere mu Gihugu cyangwa hanze yacyo n'ibindi bikorwa bishobora kugihungabanya;

8° **urubuga rw'ikoranabuhanga:** urubuga rusange rugizwe n'imiyoboro y'ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho.

6° **cyber security:** the protection of cyberspace;

7° **national security:** strategies taken by the country for its protection, including the prevention of and fight against internal and external threats and other acts that may threaten its integrity;

8° **cyberspace:** global domain consisting of interdependent networks of information and communication technology infrastructure.

6° **cyber-sécurité:** protection du cyberspace;

7° **sécurité nationale:** stratégies prises par le pays pour assurer sa protection, y compris la prévention et la lutte contre les menaces internes et externes ainsi que d'autres actes susceptibles de menacer son intégrité;

8° **cyberespace:** domaine global constitué de réseaux interdépendants d'infrastructure de technologie de l'information et de la communication.

### **Ingingo ya 3: Ishyirwaho rya NCSA**

Hashyizweho Urwego rw'Igihugu rushinzwe umutekano w'ibijyanye n'Ikoranabuhanga mu Itangazabumenyi n'itumanaho rwitwa "NCSA" mu magambo ahinnye y'Icyongereza.

### **Article 3: Establishment of NCSA**

There is hereby established the National Cyber Security Authority, abbreviated as NCSA.

### **Article 3: Création de NCSA**

Il est créé l'Office National pour la Cyber-Sécurité, NCSA en sigle anglais.

**Ingingo ya 4: Intego ya NCSA**

Intego ya NCSA ni ukubaka ubumenyi n'ubushobozi by'umutekano w'ibijyanye n'ikorabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho hagamijwe kurinda ubusugire n'umutekano by'Igihugu biganisha ku iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage.

**Ingingo ya 5: Urwego rurererera NCSA**

NCSA irebererwa na Perezidansi ya Repubulika.

**Ingingo ya 6: Amasezerano y'imihigo**

NCSA ikorera ku masezerano y'imihigo.

Uburyo NCSA ihiga n'uburyo bwo gusuzuma imikorere yayo bigenwa n'amategeko abigenga.

**Ingingo ya 7: icyicaro cya NCSA**

Icyicaro cya NCSA kiri mu Mujyi wa Kigali, umurwa mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda, igihe bibaye ngombwa.

**Article 4: Mission of NCSA**

The mission of NCSA is to build skills and capacities in cyber security with a view to ensuring the protection of the national integrity and security in order to achieve economic and social development.

**Article 5: Supervising authority of NCSA**

NCSA is supervised by the Office of the President of the Republic.

**Article 6: Performance contract**

NCSA operates on the basis of a performance contract.

Modalities for the conclusion and evaluation of performance contract of NCSA are determined by relevant laws.

**Article 7: Head office of NCSA**

The head office of NCSA is located in the City of Kigali, the capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda if deemed necessary.

**Article 4: Mission de NCSA**

La mission de NCSA est de développer les connaissances et les capacités en matière de cyber-sécurité dans le but d'assurer la protection de l'intégrité et de la sécurité nationales en vue d'atteindre le développement économique et social.

**Article 5: Autorité de tutelle de NCSA**

NCSA est placé sous la tutelle de la Présidence de la République.

**Article 6: Contrat de performance**

NCSA fonctionne sur base d'un contrat de performance.

Les modalités de conclusion et d'évaluation du contrat de performance de NCSA sont déterminées par la législation en la matière.

**Article 7: Siège de NCSA**

Le siège de NCSA est établi dans la Ville de Kigali, capitale de la République du Rwanda. Il peut être transféré en tout autre lieu sur le territoire du Rwanda en cas de besoin.

NCSA ishobora kugira amashami ahandi mu Gihugu igihe bibaye ngombwa, byemejwe n'urwego ruyireberera.

NCSA may establish branches elsewhere on the national territory if deemed necessary, upon approval by its supervising authority.

NCSA peut, en cas de besoin, établir des branches en tout autre lieu du territoire national sur approbation de son autorité de tutelle.

**Ingingo ya 8: Ubwisanzure bwa NCSA**

**Article 8: Autonomy of NCSA**

**Article 8: Autonomie de NCSA**

NCSA ifite ubwisanzure mu micungire y'imari n'abakozi byayo.

NCSA enjoys administrative and financial autonomy.

NCSA jouit d'une autonomie financière et administrative.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA NCSA**

**CHAPTER II: RESPONSIBILITIES AND POWERS OF NCSA**

**CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS DE NCSA**

**Ingingo ya 9: Inshingano za NCSA**

**Article 9: Responsibilities of NCSA**

**Article 9: Attributions de NCSA**

NCSA ifite inshingano zikurikira:

NCSA has the following responsibilities:

NCSA a les attributions suivantes:

1° kugira inama Perezida wa Repbulika n'izindi nzego za Leta n'iz'abikorera ku birebana n'ingamba zo kurinda inyungu z'u Rwanda mu rubuga rw'ikoranabuhanga;

1° to advise the President of the Republic and other public and private institutions on strategies to defend Rwanda's interests in cyberspace;

1° conseiller le Président de la République et d'autres institutions tant publiques que privées sur les stratégies de défense des intérêts du Rwanda en matière de cyberspace;

2° guperereza no kugaragaza igikorwa kibangamiye cyangwa gishobora kubangamira umutekano w'Igihugu ku byerekeye urubuga rw'ikoranabuhanga no kumenyesha inzego bireba amakuru yavuye mu iperereza;

2° to conduct cyber intelligence on any national security threat in cyberspace and provide information from such intelligence to the relevant organs;

2° faire des renseignements cybernétiques sur toute menace à la sécurité nationale en matière de cyberspace et communiquer aux organes habilités les résultats de ces renseignements;

*Official Gazette n° 27 of 03 July 2017*

- |   |  |  |
|---|--|--|
| 3° gushyiraho imirongo ngenderwaho ishingiyeye ku mahame y'umutekano w'ibijyanye na ICT ku rwego rw'Igihugu, urw'Akarere n'urwego mpuzamahanga;   | 3° to establish guidelines on the basis of national, regional and international ICT security principles;                             | 3° arrêter les lignes directrices sur base des principes nationaux, régionaux et internationaux de sécurité des TIC;   |
| 4° guhuza no gushyira mu bikorwa politiki n'ingamba by'Igihugu mu birebana n'umutekano w'ibijyanye na ICT;  | 4° to coordinate and implement the national ICT security policy and strategy;  | 4° coordonner et mettre en œuvre la politique et la stratégie nationales en matière de sécurité des TIC;   |
| 5° gushyiraho ingamba zo kurinda umutekano w'ibikorwa byose bikozwe hifashishijwe ikoranabuhanga;   | 5° to develop strategies to secure all electronic operations;  | 5° élaborer des stratégies pour sécuriser toutes les opérations électroniques;   |
| 6° gukurikirana gahunda zose z'Igihugu zijyanye n'umutekano w'ibijyanye na ICT;   | 6° to monitor all national ICT security programs;  | 6° faire le suivi de tous les programmes nationaux en matière de sécurité des TIC;   |
| 7° gukumira igitero cy'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho hagamijwe kurinda ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga muri rusange, by'umwihariko ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye; | 7° to prevent cyber-attacks in order to protect ICT infrastructure in general and critical information infrastructure in particular; | 7° assurer la prévention des attaques cybernétiques dans le but d'assurer la sécurité des infrastructures des TIC en général et en particulier des infrastructures de TIC critiques; |
| 8° gushyiraho no guteza imbere gahunda z'Igihugu zigisha umutekano w'urubuga rw'ikoranabuhanga, guteza imbere ubushakashatsi no gushyiraho inganda mu bijyanye na ICT;                          | 8° to establish and promote national cyber security education programs, foster research and develop industry in the ICT field;       | 8° établir et promouvoir des programmes nationaux d'éducation en cyber sécurité, encourager la recherche et développer l'industrie dans le domaine des TIC;                          |

*Official Gazette n° 27 of 03 July 2017*

- |  |  |   |
|--|--|---|
| 9° gukangurira umuryango nyarwanda ibijyanye n’umutekano w’ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n’itumanaho;  | 9° to create among the Rwandan society awareness about cyber security;   | 9° sensibiliser la société rwandaise sur la cyber-sécurité;   |
| 10° gukorana n’izindi nzego za Leta, iz’abikorera n’izindi zifite aho zihurira n’Ikoranabuhanga mu kurinda umutekano w’Igihugu mu bijyanye na ICT;                                     | 10° to collaborate with other public and private institutions and other information technology-related bodies to ensure national ICT security; | 10° collaborer avec d’autres institutions publiques et privées et d’autres organes liés aux technologies de l’information pour assurer la sécurité nationale en matière de TIC; |
| 11° gushyikirana no gukorana n’izindi nzego zo mu rwego rw’Akarere no mu rwego mpuzamahanga zifite mu nshingano umutekano w’ibijyanye n’ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n’itumanaho; | 11° to cooperate and collaborate with other regional and international organs in charge of cyber security;                                     | 11° coopérer et collaborer avec d’autres organes régionaux et internationaux ayant la cyber-sécurité dans leurs attributions;   |
| 12° kunganira inzego zishinzwe ubusugire n’umutekano by’Igihugu mu kuzuza inshingano zazo mu birebana n’urubuga rw’ikoranabuhanga;   | 12° to provide national defence and security organs with the necessary support to attain their responsibilities in relation to cyberspace;     | 12° donner aux organes de défense et de sécurité nationales l’appui nécessaire pour réaliser leurs attributions en rapport avec le cyberspace;                                  |
| 13° gukora indi mirimo NCSA yasabwa na Perezida wa Repubilika.   | 13° to perform other duties as may be assigned by the President of the Republic.   | 13° accomplir d’autres tâches pouvant lui être assignées par le Président de la République.   |

**Ingingo ya 10: Ububasha bwa NCSA**

NCSA ifite ububasha bukurikira:

**Article 10: Powers of NCSA**

NCSA has the following powers:

**Article 10: Pouvoirs de NCSA**

NCSA a les pouvoirs suivants:

*Official Gazette n° 27 of 03 July 2017*

- |  |   |   |
|--|---|---|
| 1° gushyiraho imirongo n'ibipimo ngenderwaho mu byerekeye umutekano w'urubuga rw'ikoranabuhanga n'isakazabumenyi mu nzego za Leta n'iz'abikorera;  | 1° to set guidelines and standards for cyberspace protection and ICT security within public and private institutions;   | 1° établir des directives et des normes de protection du cyberspace et de sécurité des TIC au sein des institutions publiques et privées;   |
| 2° gukora ubugenzuzi bw'ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye, uburyo n'imiyoboro koranabuhanga mu nzego za Leta n'iz'abikorera mu gihe bibaye ngombwa, hagamijwe kurinda umutekano w'Igihugu n'inyungu rusange;  | 2° to carry out audits of critical information infrastructure, cyber systems and networks within public and private institutions if considered necessary to preserve national security and public interest; | 2° mener des audits des infrastructures d'information critiques, des cyber-systèmes et cyber-réseaux au sein des institutions publiques et privées si cela s'avère nécessaire pour préserver la sécurité nationale et l'intérêt public; |
| 3° gukora iperereza ku buryo bushobora cyangwa bukekwa kuba bwahungabanya umutekano w'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho, gufata ingamba zo gukumira ibitero by'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho no gukorana n'izindi nzego zibifitiye ububasha mu kurwanya ibyaha bikoresha ikoranabuhanga bigaragara ko byahungabanya umutekano w'Igihugu; | 3° to investigate any cyber threat, take preventive actions against cyber-attacks and collaborate with other competent organs to fight cybercrime that poses a threat to national security;                 | 3° enquêter sur toute menace, prendre des mesures préventives contre les cyberattaques et collaborer avec d'autres organes habilités dans la lutte contre la cybercriminalité qui constitue une menace pour la sécurité nationale;      |
| 4° gukora ibikorwa by'umutekano bikorerwa ku rubuga rw'ikoranabuhanga ubwarwo cyangwa rufatanyije n'izindi nzego zibifitiye ububasha;  | 4° to conduct cyber security operations, independently or jointly with other competent organs;  | 4° effectuer des opérations de sécurité du cyberspace, indépendamment ou conjointement avec d'autres organes habilités;   |

5° gushyiraho inzira zo gutanga amakuru agaragaza uburyo bushobora cyangwa bukekwa kuba bwahungabanya umutekano w'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho cyangwa ibitero by'ikoranabuhanga mu itangazabumenyi n'itumanaho.

5° to put in place mechanisms for sharing information about cyber-threats or cyber-attacks.

5° mettre en place des mécanismes de partage d'informations sur des menaces cybernétiques ou des attaques cybernétiques.

**Ingingo ya 11: Ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye**

Ibikorwaremezo by'ikoranabuhanga byihariye biteganywa n'iri tegeko bigenwa n'Iteka rya Perezida.

**Article 11: Critical information infrastructure**

The critical information infrastructure provided for under this Law are determined by a Presidential Order.

**Article 11: Infrastructure d'informations critiques**

Les infrastructures d'informations critiques prévues par la présente loi sont déterminées par arrêté présidentiel.

**UMUTWE WA III: IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BYA NCSA**

**Ingingo ya 12: Inzego za NCSA**

NCSA ifite inzego zikurikira:

- 1° Ubuyobozi Bukuru;
- 2° Inama Ngishwanama ya NCSA.

**CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF NCSA**

**Article 12: Organs of NCSA**

NCSA has the following organs:

- 1° the Directorate General;
- 2° the Advisory Council of NCSA.

**CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE NCSA**

**Article 12: Organes de NCSA**

NCSA est doté des organes suivants:

- 1° la Direction Générale;
- 2° le Conseil Consultatif de NCSA.

**Icyiciro cya mbere: Ubuyobozi Bukuru bwa NCSA**

**Ingingo ya 13: Abagize Ubuyobozi Bukuru n'uko bashyirwaho**

Ubuyobozi Bukuru bwa NCSA bugizwe n'Umuyobozi Mukuru n'abakozi bamwunganira barimo Umuyobozi Mukuru ushinze gucunga imari ya Leta ugenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite imari mu nshingano ze.

Umuyobozi Mukuru wa NCSA ashirwaho kandi agakurwaho n'Iteka rya Perezida.

Iteka rya Perezida rishobora kandi gushyiraho Abayobozi Bakuru Bungirije bibaye ngombwa rikanagena inshingano zabo.

Abandi bakozi ba NCSA bashyirwa mu myanya hakurikijwe sitati yihariye igenwa n'Iteka rya Perezida.

**Section One: Directorate General of NCSA**

**Article 13: Members of the Directorate General and their appointment**

The Directorate General of NCSA is composed of the Chief Executive Officer and other support staff including Chief Budget Manager appointed by an Order of the Minister in charge of finance.

The Chief Executive Officer of NCSA is appointed and removed from office by a Presidential Order.

A Presidential Order may also appoint Deputy Chief Executive Officers when considered necessary and determine their duties.

Other staff members of NCSA are appointed in accordance with the special statutes established by a Presidential Order.

**Section première: Direction Générale de NCSA**

**Article 13: Membres de la Direction Générale et leur nomination**

La Direction Générale de NCSA est composée d'un Directeur Général en Chef ainsi que du personnel d'appui y compris le Gestionnaire Principal du Budget nommé par arrêté du Ministre ayant les finances dans ses attributions.

Le Directeur Général en Chef de NCSA est nommé et démis de ses fonctions par arrêté présidentiel.

Un arrêté présidentiel peut également nommer les Directeurs Généraux en Chef Adjoints en cas de besoin et déterminer leurs attributions.

Les autres membres du personnel de NCSA sont nommés conformément au statut particulier établi par arrêté présidentiel.

**Ingingo ya 14: Inshingano z'Ubuyobozi Bukuru**

Ubuyobozi Bukuru bufite inshingano yo gushyira mu bikorwa inshingano za NCSA ziteganywa muri iri tegeko.

**Ingingo ya 15: Inshingano z'Umuyobozi Mukuru wa NCSA**

Inshingano z'Umuyobozi Mukuru wa NCSA ni izi zikurikira:

- 1° kuyobora, guhuza no gukurikirana imirimo ya buri muni ya NCSA;
- 2° gutegura umushinga w'ingengo y'imari, gahunda na raporo y'ibikorwa bishyikirizwa urwego rureberera NCSA;
- 3° gushyira mu bikorwa, gukurikirana no kureba iyubahirizwa rya politiki y'umutekano n'ibyemezo byashyizweho n'urwego rureberera NCSA hakurikijwe amategeko agenga umutekano w'urubuga rw'ikoranabuhanga;
- 4° gukora indi mirimo yose yagenwa n'urwego rureberera NCSA.

**Article 14: Responsibilities of the Directorate General**

The Directorate General is responsible for the implementation of responsibilities of NCSA provided for under this Law.

**Article 15: Duties of the Chief Executive Officer of NCSA**

The Chief Executive Officer of NCSA has the following responsibilities:

- 1° to manage, coordinate and monitor the daily activities of NCSA;
- 2° to prepare the draft budget proposal, action plan and activity report to be submitted to the supervising organ of NCSA;
- 3° to implement, make follow-up on and monitor compliance with cyber security policy and resolutions made by the supervising organ of NCSA in accordance with cyber security laws;
- 4° to perform all other duties as may be assigned by the supervising organ of NCSA.

**Article 14: Attributions de la Direction Générale**

La Direction Générale est chargée de la réalisation des attributions de NCSA prévues par la présente loi.

**Article 15: Attributions du Directeur Général en Chef de NCSA**

Le Directeur Général en Chef de NCSA a les attributions suivantes:

- 1° diriger, coordonner et faire le suivi des activités quotidiennes de NCSA;
- 2° préparer l'avant-projet de budget, le plan d'action et le rapport d'activités devant être soumis à l'autorité de tutelle de NCSA;
- 3° assurer la mise en œuvre, le suivi et le contrôle du respect de la politique de la cyber-sécurité et de résolutions prises par l'autorité de tutelle de NCSA conformément à la législation en matière de cyber-sécurité;
- 4° accomplir toutes les autres tâches que l'autorité de tutelle de NCSA peut lui confier.

**Ingingo ya 16: Imiterere n'imikorere by'inzego z'imirimo za NCSA**

Imiterere n'imikorere by'inzego z'imirimo za NCSA bigenwa n'Iteka rya Perezida.

**Article 16: Organisational structure and functioning of NCSA organs**

The organisational structure and functioning of NCSA organs are determined by a Presidential Order.

**Article 16: Structure organisationnelle et fonctionnement des organes de NCSA**

La structure organisationnelle et le fonctionnement des organes de NCSA sont déterminés par arrêté présidentiel.

**Ingingo ya 17: Ibigenerwa Abayobozi Bakuru n'abakozi ba NCSA**

Ibigenerwa Abayobozi Bakuru n'abakozi ba NCSA bigenwa n'Iteka rya Perezida.

**Article 17: Fringe benefits for members of the Directorate General and staff members of NCSA**

Fringe benefits for members of the Directorate-General and staff members of NCSA are determined by a Presidential Order.

**Article 17: Avantages alloués aux membres de la Direction Générale et au personnel de NCSA**

Les avantages alloués aux membres de la Direction Générale et au personnel de NCSA sont déterminés par arrêté présidentiel.

**Icyiciro cya 2: Inama Ngishwanama ya NCSA**

Iteka rya Perezida rigena abagize Inama Ngishwanama ya NCSA, rigena kandi imikorere n'inshingano byabo.

**Section 2: Advisory Council of NCSA**

A Presidential Order determines members of the Advisory Council of NCSA, and also determines their responsibilities and modalities for performance thereof.

**Section 2: Conseil Consultatif de NCSA**

Un arrêté présidentiel détermine les membres du Conseil Consultatif de NCSA, leurs attributions et les modalités d'exercice de ces dernières.

**Ingingo ya 18: Inama Ngishwanama ya NCSA**

**Article 18: Advisory Council of NCSA**

**Article 18: Conseil Consultatif de NCSA**

**UMUTWE WA IV: UMUTUNGO  
N'IMARI BYA NCSA**

**CHAPTER IV: PROPERTY AND  
FINANCE OF NCSA**

**CHAPITRE IV: PATRIMOINE ET  
FINANCES DE NCSA**

**Ingingo ya 19: Umutungo wa NCSA  
n'inkomoko yawo**

**Article 19: Property of NCSA and its  
sources**

**Article 19: Patrimoine de NCSA et ses  
sources**

Umutungo wa NCSA ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

The property of NCSA consists of movables and immovables.

Le patrimoine de NCSA comprend les biens meubles et immeubles.

Umutungo wa NCSA ukomoka aha hakurikira:

The property of NCSA derives from the following sources:

Le patrimoine de NCSA provient des sources suivantes:

1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;

1° State budget allocations;

1° les allocations budgétaires de l'Etat;

2° umutungo ukomoka ku mirimo ikora;

2° income from its activities;

2° le produit de ses activités;

3° inguzanyo zihabwa NCSA zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;

3° loans granted to NCSA approved by the Minister in charge of finance;

3° les prêts accordés à NCSA approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions;

4° impano, inkunga n'indagano.

4° donations, subsidies and bequests.

4° les dons, les subventions et legs.

**Ingingo ya 20: Ingingo y'imari ya NCSA**

**Article 20: Budget of NCSA**

**Article 20: Budget de NCSA**

Ingingo y'imari ya NCSA yemezwa n'urwego rubifitiye ububasha kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.

The budget of NCSA is approved by the relevant authority and managed in accordance with relevant laws.

Le budget de NCSA est approuvé par l'autorité compétente et géré conformément à la législation en la matière.

**Ingingo ya 21: Imikoreshereze n'imigenzurire by'umutungo wa NCSA**

Imikoreshereze n'imigenzurire by'umutungo wa NCSA bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta agenzura imikoreshereze y'imari n'umutungo bya NCSA hubahirijwe ibigomba kugirirwa ibanga bijyanye n'umutekano mu by'ikoranabuhanga bigenwa n'Iteka rya Perezida.

**Article 21: Use and audit of the property of NCSA**

The use and audit of the property of NCSA are carried out in accordance with relevant laws.

The Auditor General of State Finances carries out the audit of the use of the finances and property of NCSA, having due regard to cyber security information classified as restricted determined by a Presidential Order.

**Article 21: Utilisation et audit du patrimoine de NCSA**

L'utilisation et l'audit du patrimoine de NCSA sont effectués conformément à la législation en la matière.

L'Auditeur Général des finances de l'Etat contrôle l'utilisation des finances et du patrimoine de NCSA dans le respect des informations sur la cyber-sécurité classifiées d'accès restreint déterminées par arrêté présidentiel.

**UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA**

**CHAPTER V: FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES**

**Ingingo ya 22: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Article 22: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article 22: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda.

**Ingingo ya 23: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Article 23: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Law are repealed.

**Article 23: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Ingingo ya 24: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 31/05/2017

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 24: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 31/05/2017

(sé)

**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

**Article 24: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 31/05/2017

(sé)

**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux